MINISITERI Y'UBUZIMA



# AGATABO KIFASHISHWA MU BUKANGURAMBAGA KU NDWARA YA EBOLA




unicef for every child

Kigali, Kamena 2019

# AGATABO KIFASHISHWA MU BUKANGURAMBAGA KU NDWARA YA EBOLA

Kigali, Kamena 2019

## INDWARA YA EBOLA NI IKI?

Indwara ya Ebola n'indwara iterwa na virusi yitwa Ebola. Ubusanzwe iyo virus yibera mu mubiri w'ubwoko bumwe bw'uducurama ntidutere kurwara ariko tukayikwirakwiza. Indwara ya Ebola yibasira abantu ndetse n'inyamanswa z'inyamabere zo mw'ishyamba nk'impara, isha, inguge, (ingagi, inkende, ibitera, n'izindi...).

## INDWARA YA EBOLA IGIRA BUKANA KI?

Indwara ya Ebola, irandura cyane ndetse ikanica cyane kuburyo ishobora kwica hagati ya 50% na 90% by'abayirwaye. Gusa iyo itahuwe ikanavurwa kare, abantu benshi barakira.

## IBIMENYETSO BY'INDWARA YA EBOLA NI IBIHE?

Umuntu wese urwaye indwara ya Ebola atangira kugaragaza ibimenyetso by'uburwayi hagati y' iminsi 2 na 21 nyuma y'uko yanduye iyo virusi.

- **Ikimenyetso cya mbere cy'umuntu urwaye Ebola *ni umuriro mwinshi utagabanuka,***
- **kurwara umutwe, kubabara mu muhogo, gucika intege, kuribwa mu ngingo,**
- **kuribwa mu nda,**
- **kuruka no guhitwa cyane kandi kenshi,**
- **gusesa ibiheri k'umubiri,**
- **gutukura amaso no kuva amaraso ahantu hose hari umwenge ku mubiri.**

Umuntu wanduye indwara ya Ebola atangira kwanduza abandi igihe yatangiye kugaragaza ibimenyetso by'uburwayi cyane cyane umuriro. Mbere y'uko agaragaza ibimenyetso, ntaba yanduza.

## EBOLA YANDURA ITE ?




Umuntu yandura Ebola :

- iyo akoze ku maraso n'andi matembabuzi yose y'umuntu urwaye Ebola, uwishwe na Ebola cyangwa akoze ku maraso n'andi matembabuzi by'inyamanswa irwaye cyangwa yishwe na Ebola. Ayo matembabuzi ni ibyuya, amarira, ibimyira, amacandwe, ibirutsi, inkari, amabyi, amashereka, amasohoro n'ubuhehere bwo mu gitsina cy'umugore.
- Umuntu ashobora kandi kwandura indwara ya Ebola igihe akoze ku bintu cyangwa ahantu hagiye amaraso cyangwa andi matembabuzi y'umuntu urwaye cyangwa wishwe na Ebola igihe bitasukuwe cyangwa hatasukuwe neza mu buryo bukwiye.
- Umurambo w'umuntu wishwe n'indwara ya Ebola uranduza cyane kugera ku kigero cyikubye inshuro zigera kuri 7 gusumbya umurwayi wa Ebola ukiri muzima. **Niyo mpamvu umurambo w'umuntu wishwe cyangwa ukekwa ko yishwe na Ebola utagomba gukorwaho n'umuntu utarabihuguriwe kandi utambaye imyambaro imurinda.**
- Abantu bita k'umurwayi wa Ebola, abamuvura, abasukura n'abashyingura umurambo w'uwishwe na Ebola batambaye ibikoresho byabugenewe bibakingira, nibo bakunze kugira ibyago byo kwandura Ebola kurusha abandi.

## ESE INDWARA YA EBOLA IRAVURWA IGAKIRA?

**Yego.** Umurwayi wa Ebola iyo **atahuwe hakiri kare,** akihutira kugera **kwa muganga**, aba afite amahirwe menshi yo gukira akabaho.

## ESE HARI IMITI CYANGWA URUKINGO RWA EBOLA?

Kugera ubu nta muti wemewe wa Ebola uraboneka, Abaganga bita ku muntu uyirwaye bamusubizamo imyunyungugu n'ibindi umurwayi aba yatakaje kugera igihe umubiri ubashije guhangana na Virusi itera Ebola.

## NI IKI UMUNTU AKORA NGO YIRINDE EBOLA?

1. Kugira isuku y'umubiri nko gukaraba intoki neza ukoresheje amazi n'isabune igihe cyose uvuye mu bwihererero, umaze gusukura umwana na mbere yo gutunganya amafunguro ndetse n'ikindi gihe cyose uba ufite aho wahuriye n'abantu cyangwa ibintu byinshi.
2. Gusobanukirwa indwara ya Ebola: kumenya ibimenyetso byayo, uko yandura n'uko bayirinda.
3. Kumenya uko witwara igihe ubonye cyangwa wibonyeho ibimenyetso bisa nk'iby'indwara ya Ebola:
    a. Kwiheza cyangwa guheza ugaragayeho ibimenyetso;
    b. Gushyira intera hagati y'ugaragayeho ibimenyetso n'abandi;
    c. Kwihutira kumenyesha umujyanama w'ubuzima wo mu mudugudu murimo kubera ko yahuguwe uburyo agomba guhererekanya amakuru ngo ugize ikibazo yotabweho; Cyangwa se kumenyesha Ivuriro ribegereye, inzego z'ubuyobozi cyangwa iz'umutekano;
    d. Kwirinda gutera icyugazi no kudakwiza ibihuha, Indwara ya Ebola ntiyandurira mu mwuka;
    e. Kwirinda gukora ku umuntu wese muketseho Ebola (kuba avuye mu gace kagaragaramo Ebola kandi akaba agaragaza kimwe mu bimenyetso byayo nk'Umuriro utagabanuka)

4. Kwirinda gukora ingendo zitari ngombwa mu duce tw'igihugu turimo icyorezo cya Ebola

5. Kwirinda gukora k'umurambo w'umuntu wishwe n'indwara ya

Ebola cyangwa wapfuye mu buryo budasobanutse kandi bugaragaza ibimenyetso bisa nk'iby'Indwara ya Ebola;

6. Kwirinda gukora no kurya inyamanswa zo mw'ishyamba zipfushije



## GUKARABA INTOKI NK'UBURYO BWIZA BWO KWIRINDA INDWARA HARIMO NA EBOLA
## "ESE NI UBUHE BURYO BWIZA BWO GUKARABA INTOKI?"

- Tosa intoki n'amazi meza;
- Siga Isabune mu biganza;
- Vuguta witonze kugera igihe ireteye;
- Karaba inyuma n'imbere y'ibiganza, hagati y'intoki no mu nzara;
- Unyuguza n'amazi meza,
- Umutsa intoki wifashishije umwuka/umuyaga.

Gukaraba intoki kandi neza buri gihe, ntibiturinda indwara ya Ebola gusa ahubwo biturinda n'izindi ndwara zose ziterwa n'umwanda nka Kolera, Macinya, indwara ziterwa n'inzoka zo munda n'utundi dukoko.



## KWITA KU MIRIRE Y'UMWANA MU GIHE CY'INDWARA YA EBOLA "BABYEYI, DUFATANYE KUBUNGABUNGA UBUZIMA BW'ABANA"

**Konsa:**
Ubusanzwe, konsa gusa nibwo buryo bwo kugaburira umwana uri munsi y'amezi atandatu kandi agakomeza no konswa hamwe n'imfashabere igizwe n'indyo yuzuye kugera ku myaka ibiri kuzamura.

**Mu gihe cya Ebola:**
- Ebola iboneka mu mashereka y'Umubyeyi wayanduye
- Ebola ishobora kwandurira mu matembabuzi harimo n'amashereka
- Umubyeyi ugaragaza Ibimenyetso bya Ebola ashobora kugira ibyago byinshi byo kwanduza umwana yonsa.

**Igihe umubyeyi yagaragaje ibimenyetso bya virusi ya Ebola cyangwa se byemejwe ko arwaye Ebola kandi umwana yonsa atarwaye:**

- Umubyeyi ahagarika konsa umwana kandi bakamutandukanya nawe mu rwego rwo kurinda ko Umwana nawe yandura;
- Umwana uri munsi y'amezi atandatu agomba guhabwa amata yagenewe abana bo muri iki kigero (RUIF);
- Umwana uri hagati y'amezi atandatu na makumyabiri n'atatu ahabwa amata yo muri iki kigero, igikoma, indyo yuzuye yongewemo ifu ya Ongera intungamubiri.

**Igihe Umubyeyi n'umwana bombi bagaragayeho ibimenyetso bya virusi ya Ebola:**
- Umubyeyi ahagarika konsa umwana kugeza ubwo amashereka asuzumwa bagasanga nta virusi za Ebola zigaragaramo. Muri icyo gihe, umwana uri munsi y'amezi atandatu ahabwa amata yagenewe abana bo muri iki kigero (RUIF);
- Umwana uri hagati y'amezi atandatu na makumyabiri n'atatu ahabwa amata yo muri iki kigero, igikoma, indyo yuzuye yongewemo ifu ya Ongera intungamubiri.
- Umubyeyi n'umwana bitabwaho hamwe mu Ivuriro ryagenewe kwita ku barwayi ba Ebola.

## Igihe Umubyeyi ari muzima umwana we yanduye virusi ya Ebola:

- Umubyeyi agomba guhagarika konsa no gutandukanywa n'umwana;
- Niba bishoboka umubyeyi akama amashereka mu buryo bwiza agahabwa umwana uri mu kigero cyo hasi y'amezi atandatu
- Iyo gukamira umwana amashereka bidashoboka, umwana ahabwa amata asimbura amashereka (RUIF);
- Umwana uri hagati y'amezi atandatu na makumyabiri n'atatu ahabwa amata yo muri iki kigero, igikoma, indyo yuzuye yongewemo ifu ya Ongera intungamubiri;
- Umwana akurikiranirwa mu Ivuririo ryagenewe kwakira abarwayi ba Ebola agakurikiranwa n'abaganga babihuguriwe.

## Igihe bombi basanze nta virusi ya Ebola bafite:

- Umubyeyi akomeza konsa umwana;
- Umwana uri munsi y'amezi atandatu agomba guhabwa ibere gusa nta kindi barivangiye;
- Umwana uri hagati y'amezi atandatu na myakumyabiri n'atatu ahabwa amata yo muri iki kigero, igikoma, indyo yuzuye yongewemo ifu ya Ongera intungamubiri kandi agakomeza konswa;
- Umubyeyi n'umwana bakomeza gukurikiranwa muri gahunda isanzwe y'igihugu yo gukumira no kurwanya indwara ziterwa n'imirire mibi.

## Igihe umubyeyi yasezerewe akize:

- Umubyeyi agomba kumenya ko virusi ya Ebola ikomeza kugaragara mu mashereka nyuma y'uko iyi virusi ishira mu maraso;
- Dore ibisabwa Umubyeyi wonsa ukirutse Virusi ya Ebola nyuma yo gusuzumwa amaraso inshuro ebyiri; kandi akaba afite umwana utaragaragaje ibimenyetso cyangwa ngo yandure virusi itera Ebola:

    o Kudahita yonsa umwana kugera igihe bazasuzumira amashereka bagasanga nta virusi ya Ebola ikigaragaramo;
    o Mu gihe basanze amashereka akirimo virusi ya Ebola umubyeyi ntagomba guha umwana ibere.

- Umubyeyi ukirutse Ebola igihe adashobora kubona uburyo bwo gupimisha amashereka ye, agomba:
  - o Kutonsa umwana kuko amashereka ye aba ashobora gukomeza kwanduza;
  - o Umwana ufite uyu mubyeyi akomeza kwitabwaho nk'uko yitabwagaho nyina akirwaye,
  - o Uwo mwana akomeza guhabwa amata asimbura amashereka ku mwana uri munsi y'amezi atandatu; cyangwa amata, igikoma, indyo yuzuye na Ongera intungamubiri ku mwana uri hagati y'amezi atandatu na makumyabiri n'atatu.